CPF INEZA

# INGUZANYO Y'UBWOROZI BW'AMATUNGO

## IRIBURIRO:

Inguzanyo y'ubworozi itangwa na CPF INEZA igenewe gufasha aborozi ku giti cyabo, amatsinda y'aborozi, amakoperative, n'abashoramari mu buhinzi n'ubworozi bakora mu ruhererekane nyongeragaciro rw'ubworozi. Iyi nguzanyo igamije korohereza ishoramari mu bworozi bw'amatungo, ubuvuzi bwayo, kubaka ibiraro, ibiryo by'amatungo, ndetse n'ibindi bikorwaremezo bijyanye n'ubworozi, hagamijwe kongera umusaruro, kwihaza mu biribwa no guteza imbere imibereho myiza ishingiye ku buhinzi n'ubworozi.

## ABO IGENEWE:

1. Aborozi ku giti cyabo borora inka, ihene, ingurube, inkoko, inzuki, amafi n'ibindi;
2. Amakoperative cyangwa amatsinda y'abahinzi n'aborozi;
3. Urubyiruko n'abagore bakora ubucuruzi n'ishoramari mu bworozi;
4. Abatunganya, abacuruza n'abatwara amatungo cyangwa ibikomoka ku matungo

## UMWIHARIKO:

1. Itangirwa ku nyungu nto:

   18% ku mwaka, ku makoperative cyangwa abanyamuryango bayo ndetse n'amatsinda y'abahinzi

   20% ku mwaka ku bahinzi ku giti cyabo
2. Iboneka mu gihe gito (Serivise nziza kandi yihuse)
3. Yishyurwa hashingiwe ku bushobozi bwo kwishyura (ku kwezi, ku gihembwe, ku musaruro)



4. Igihe gihagije cyo kwitegura kwishyura: Gishobora kugera ku mezi 6 bitewe n'imiterere y'umushinga
5. Igihe gihagije cyo kwishyura: Gishobora kugera ku mezi 36 bitewe n'imiterere y'umushinga

## IBYO KWITABWAHO MU GUHANGANA N' IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE:

a. Korora ubwoko bw'amatungo bwihanganira cyangwa budateza ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere;

b. Kubaka cyangwa kuvugurura ibiraro hitawe ku buryo burengera ibidukikije kandi buhangana n'ibiza;

c. Kugura ibiryo by'amatungo n'imiti yifashishwa mu buvuzi bwayo bitarimo ibinyabutabire byangiza urusobe rw'ibinyabuzima;

d. Kuvoma no guha amazi amatungo hubahirijwe amahame yo kurengera ibidukikije;

e. Ibikoresho cyangwa ibinyabiziga bitwara ibikomoka ku matungo bidahumanya ikirere;

f. Gutunganya ibikomoka ku matungo hubahirijwe amahame arengera ibidukikije.

## INGANO Y'INGUZANYO ITANGWA:

Umuhinzi ku giti cye, amatsinda, amakoperative, amasosiyete, ibigo n'abandi bose bari mu ruhererekanye nyongeracaciro bashobora guhabwa ageze kuri 35,000,000 Frw cyangwa akarenga bitewe n'ibipimo ngenderwaho.

## IBISABWA:

1. Kuba ufite konti yo kubitsa ikora neza
2. Kuba warishyuye umugabane wose
3. Kuba ufite imyaka 18 kuzamura
4. Kuba ufite ingwate
5. Kuba utarambuye ibigo by'imari
6. Kwishyura ubwishingizi
7. Kubahiriza amahame y'ubuhinzi burambye kandi burengera ibidukikje



+250782553125 / +250788743637 info@cpfineza.rw info@cpfineza.rw